**REPUBULIKA Y'U RWANDA** **Mushishiro,kuwa 17/12/2022**

**AKARERE KA MUHANGA**

**SACCO ICYEREKEZO MUSHISHIRO**

**EMAIL: mushishiro1@gmail.com**

**Telefoni: 0788757082/0788744680**

## ITANGAZO RY'AKAZI

SACCO ICYEREKEZO MUSHISHIRO iramenyesha ababyifuza bose ko ishaka gutanga akazi ku mukozi Ushinzwe kwishyuza inguzanyo (Recovery Officer).

Uwo mukozi agomba kuba yujuje ibi bikurikira:

1. Kuba ari umunyarwanda
2. Kuba afite impamyabumenyi y'amashuri yisumbuye mu ibaruramari (A2 Accountancy) cg ikindi bijyanye,
3. Kuba azi gukoresha neza mudasobwa,
4. Kuba nta mwenda utishyurwa neza afite mu bigo by'imari n'amabanki,
5. Kuba atarakatiwe n'inkiko igihano kirenze amezi atandatu,
6. Kuba afite uruhushya rwa burundu rwo gutwara ikinyabiziga; Abaye afite Category A byaba ari akarusho,
7. Kuba atarengeje imyaka 35 y'amavuko,
8. Kuba yiteguye gutangirana akazi n'ukwezi kwa Mutarama 2023,
9. Kuba yarakoze mu kigo cy'Imari byaba ari akarusho.

Abagomba gupiganirwa uwo mwanya bagomba kuba bagejeje ibyangombwa byabo kuri SACCO ICYEREKEZO MUSHISHIRO 26/12/2022 mu masaha y'akazi. Ibyo byangombwa ni ibaruwa isaba ako kazi yandikiwe Perezida w'Inama y'ubuyobozi ya SACCO, Kopi y'impamyabumenye n'iy'uruhushya rwo gutwara ibinyabiziga, Curriculum Vitae (cv), Kopi y'indangamuntu n'icyangombwa kigaragaza ko wakoze mu kigo cy'imari niba hari aho wakoze.

Liste y'abemerewe gukora ikizamini izaba imanitse kuri SACCO kuwa 27/12/2022 saa kumi (4pm). Ikizamini cyanditse, icyo kuvuga no gukoresha mudasobwa bizakorwa kuwa 29/12/2022.

NB: Iri tangazo risimbuye iryari ryatanzwe mbere.

**MPAMIJE MARCEL**

**Perezida w'Inama y'ubuyobozi**

SACCO ICYEREKEZO MUSHISHIRO